

National Bank of Rwanda Banki Nkuru y'u Rwanda

The Governor

Kigali, 8 Gashyantare 2023

ITANGAZO

Banki Nkuru y'u Rwanda (BNR) ari na yo igenzura imikorere y'amabanki n'ibindi bigo by'imari mu Rwanda iramenyesha abaturarwanda bose cyane cyane abakiriya ba **BPR Bank Rwanda PIc** ko ikurikiranira hafi ibikorwa byayo muri iyi minsi habayeho ivugurura ry' ikoranabuhanga isanzwe ikoresha. Iki gikorwa cyabayeho nyuma yo guhuza Banki ebyiri zariho mbere ari zo **BPR** na **KCB**.

BNR irabamenyesha ko ikurikiranira hafi iki gikorwa kugira ngo serivisi zose zisanzwe zitangwa na BPR Bank zisubire ku murongo kandi ibibazo byose byaturutse kuri iryo vugurura bikemuke byihuse, hakurikijwe amabwiriza rusange yashyizweho na BNR agenga imicungire y'ikomeza ry'imirimo n'ukudahungabana k'uburyo bw'imikorere mu bigo bigenzurwa.

BNR iboneyeho umwanya wo kubizeza ko amafranga y'abaturage abitswe na **BPR Bank** acunzwe kandi ko iyi Bank ikomeje gukora hakurikijwe amategeko n'amabwiriza rusange agenga amabanki yemerewe gukorera mu Rwanda.

Soraya M. HAKUZIYAREMYE Deputy Governor and Acting Governor